(Kinyarwanda)

BUFFALO PUBLIC SCHOOLS
Office of the Superintendent
65 Niagara Square Room #712 City Hall
Buffalo, New York 14202
Telefone (716) 816-3575
Fax (716) 851-3033
TMWilliams@buffaloschools.org

Dr. Tonja M. Williams
Umuyobozi mukuru w'amashuli w'agateganyo

Taliki ya 26 z'ukwa 5, 2022

Bakunzi dufatanije ibikorwa byo mu mashuli ya leta muli Buffalo,

Umutekano w'abanyeshui, uw'abalimu, abakozi b'amashuli n'uw'imiryango nicyo kintu twimilije imbere hejuru y'ibindi byose. Niyo mpamvu dufata buli cyemezo, mu rwego rwo kulinda umutekano w'abo dufatanije.

Tulifuza kubamenyesha ko twumvise impungenge mufite ku mutima ku birebana n'umutekano mu mashuli yacu. Twagenzuye ibyabangamira umutekano byose dusanga ali ngombwa kwongera ingamba zo kulinda umutekano mu nyubako zacu. Hali byinshi bihangayikishije ababyeyi n'abaturage bacu. Kuva ku bwiyongere bw'ubwandu bwa COVID-19 ukanyura ku byandikwa ku mbuga nkoranyambaga bidureta ihahamuka, no ku bwicanyi buherutse kubera ku muhanda wa Jefferson hano mu mugi, bwagaragaje kwitwaralika abantu bafite uruhu rudasa n'urw'umunyarugomo wacuze inkumbi, ukagenda ukagera ku marorerwa atagira izina yahitanye abana b'inzirakarengane 19 n'abalimu babili ahitwa Uvalde muli Texas : nta gushidikanya, uruhulirane rw'ibi bintu byose byateye umuhangayiko mu mashuli yacu. Niyo mpamvu twasanze ali ngombwa gushyiraho ingamba zimeze nk'amananiza kubashaka kwinjira mu nyubako zacu.

Turabashishikaliza gukorera amanama yanyu ku mbuga za Internet nka Zoom, Webex cyangwa Teams aho kugirango muzikore muli kumwe amaso ku yandi muli mu nyubakwo z'amashuli. Bibaye ngombwa ko muhabwa uruhusa bwo gukorera inama mu mashuli, mugomba kumenya ko mushobora gusabwa kwemera gusakishwa agakoni gahura ahali ikintu gikozwe mu cyuma, cyangwa gusakishwa intoki; nk'uko mubizi, abanyeshuli bacu babikorerwa buli gihe iyo binjiye mu nyubakwo z'amashuli.

Mumenye kandi ko imihango yo kurangiza umwaka w'amashuli, izatangizwa no gukora ibisanzwe bikorwa mu rwego rwo kwubahiliza umutekano wa buli wese, kandi bishoboka ko hakwongerwaho akarusho.

Uwanyu ubakunda,

Dr. Tonja M. Williams,
Umuyobozi mukuru w'amashuli w'agateganyo